
# BWENGE N'UTUNYUGUNYUGU

## Amashuri y'inshuke



NDAHAYO Ferdinand na
UWERA Perpetue

Perdua Publishers

BWENGE N'UTUNYUGUNYUGU

# Amashuri y'inshuke



Cyanditswe na:
NDAHAYO Ferdinand na
UWERA Perpetue

Cyashushanyijwe na:
IRADUKUNDA Bruno

Perdua Publishers

PO Box 3405 Kigali

Email: info@perduap.com

Website: www.perduap.com

© Perdua Publishers 2021

Cyatangajwe bwa mbere mu mwaka wa 2021

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.



Bwenge ni umwana ukunda ubusitani bw'iwabo.



Umunsi umwe, Bwenge yatemberaga mu busitani, abona amagi adasanzwe ku ndabyo.



Bwenge arayabaza ati: “Muri ba nde?”
Amagi ati: “Tegereza gato tuzakwibwira.”
Bwenge atangarira ayo magi avuga, aritahira.



Hashize iminsi, Bwenge agaruka kureba. Asanga aho yasize amagi noneho hari utunyabwoya twinshi. Utwo tunyabwoya twaryaga amababi y'indabo.



Bwenge ati: “Mwe se muri ba nde?”
Utunyabwoya tuti: “Turi utunyabwoya.
Ni twe twavuye muri ya magi.”



Bwenge ati: “Ko murya amababi y’indabo zacu? Ngiye kubashyira muri iki gihoho, maze mutuvire mu busitani.”



Bwenge atereka munsi y'igiti cya gihoho yashyizemo utunyabwoya, maze arataha.



Hashize iminsi, Bwenge agaruka mu busitani. Yitegereje muri cya gihoho aburamo utunyabwoya. Ahubwo asangamo utuntu twinshi dukomeye tw'umweru.



Bwenge ati: “Mwe se muri ba nde?” Twa tuntu tuti: “Tegereza gato tuzakwibwira.” Bwenge ataha afite amatsiko.




Hashize iminsi, Bwenge asubira mu busitani kureba cya gihoho.



Agipfundura igihoho, hasohokamo utunyugunyugu twinshi tw'amabara meza. Bwenge biramushimisha cyane.





Abaza utunyugunyugu ati: “Mwe se muri ba nde? Muvuye he?” Na two tuti: “Turi utunyugunyugu.”




Dukomeza tugira tuti: “Ya magi wabonye mbere yari ay’utundi tunyugunyugu. Ni yo yaje kubyara utunyabwoya. Utwo tunyabwoya na two duhinduka utunyugunyugu.” Bwenge atangazwa n’inkomoko y’utunyugunyugu.

*Inkuru za Perdua Publishers zigenewe gukundisha abana gusoma Ikinyarwanda. Bashobora kuzisomera cyangwa se kuzisomerwa n'ababyeyi n'abarezi igihe bataramenya gusoma ubwabo.*







**Perdua Publishers**

Cyatunganijwe kinacapwa na Perdua Publishers
P.O. Box 3405 Kigali, Rwanda